REPUBULIKA Y’U RWANDA

# IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2025

10 Nzeri 2025

IKIGO CY’IGIHUGU CY’IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Kanama 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,1% ugereranyije na Kanama 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2025 byari byiyongereyeho 7,3%.

Mu kwezi kwa Kanama 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 13,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 70,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 6,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,5%.

Ugereranyije Kanama 2025 na Kanama 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 7,8%.

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,9%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kanama 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 5,9% ugereranyije na Kanama 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2025 byari byiyongereyeho 7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kanama 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 10,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 54,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,8%.

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kanama 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 6,4% ugereranyije na Kanama 2024. Mu kwezi kwa Nyakanga 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 7,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kanama 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 62% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,8% .

Ugereranyije Kanama 2025 na Nyakanga 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,9.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2024 kugeza muri Kanama 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2024 | | | | | 2025 | | | | | | | |
| | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 5,0 | 2,5 | 3,8 | 5,0 | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 |
| Mu byaro | -0,3 | -2,9 | -1,5 | 2,4 | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 |
| Mu Rwanda | 1,7 | -0,8 | 0,5 | 3,4 | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,9 | 1,2 | 1,5 | 0,1 | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 |
| Mu byaro | 1,7 | 1,6 | 2,5 | 1,4 | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 |
| Mu Rwanda | 1,4 | 1,5 | 2,1 | 0,9 | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw